



Mata 2022

Ikinyarwanda

Ngiri itegeko mbahaye: nimujye mukundana nk'uko nanjye nabakunze!

(Yoh 15,12)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage: www.go4peace.eu

**Nimukundane!
Love one another!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Inshuro nyinshi Yezu yabonye uburyo inshuti ze za hafi zagorwaga no kubana ndetse no gufashanya. Umunezero wabo bwite ni wo mbere na mbere wabaga ubaraje ishingira. Babiri mu ntumwa bari bafite icyifuzo gikomereye cyo kuzicara iburyo n'ibumoso bwe mu ngoma y'ijuru. Bashakaga kuba aba mbere. Hagati yabo hari havutse ikibazo cyo kumenya umukuru mu bigishwa ba Yezu. Bari baratwawe n'imitekerereze y'ab'isi ishingira ku ntego igira iti: „Abantu ni babi, bihugiye ho bo ubwabo, ni njye wireba ubwanjye nnyenyine!“ Cyangwa se bivugwa mu bundi buryo: „Iyo buri wese yiyitayeho, bese baba bitaweho.“

Ubuzima bwo mu ijuru Yezu yashakaga kuzana ku isi, bufite indi soko yihariye. Ibi byagaragaye by'imwihariko kuri Batisimu ya Nyagasani. Ijuru ryarakingutse. Roho mutagatifu agaragara mu ishusho y'inuma. Ijwi ryumvikanye rigira riti: „Uyu ni umwana wanjye nkunda cyane!“ Bivuze ko Yezu yakomotse mu rukundo ruhebuje rw'Imana Data. Mu mushyikirano w'urukundo, rwo Roho Mutagatifu, Data na Mwana bahora iteka bunze ubumwe. Uwo mubano ushingiyeye ku rukundo nyarwo, ni wo Yezu yashatse kuzana ku isi. Yashakaga gufasha inshuti ze kumenya ko urukundo rwa mugenzi wawe ari rwo ntambwe y'ibanze. Iyo urwo rukundo rusangiye umwe ku wundi, ubuzima bugira ikindi cyanga. Basangira ibyishimo bihebuje. Ni muri ubwo buryo Yezu yahaye inshuti ze itegeko rishya rishingiyeye ku rukundo umwe ku wundi. Yarababwiraga ati: „Nimukundane nk'uko njye nabakunze!“

Byashoboka ko waba warigeze kubaho mu rukundo nk'urwo rusangiye. Ruduha gusogongera ijuru tukiri hano ku isi hagati yacu nk'abantu. Tomáš aradutekerereza ibyo yanyuzemo bisa n'ibyo: „Nari ngeze muri Paruwase nshya nta muntu n'umwe mpazi. Icumbi ry'abapadiri ryari rimeze nabi cyane ku buryo umunsi ku munsi narushagaho kumva ntamerewe neza. Sinari nzi uburyo n'aho nkwiye guhera. Roho yanjye yari mu mwijima neza neza. Inshuti nziza yaje kubyumva ubwo twavuganaga kuri Telefoni. Yahise aza kundeba aturutse kure cyane. Mu minsi ibiri twamaranye nashoboye kwiyumvisha uburyo urukundo rwe rufatika. Twafatanije gukora inyigo y'ibigomba gukorwa mu icumbi, tuhakora isuku tugura ibikoresho nkenerwa byo mu nzu. Numvaga nkunzwe cyane. Muri icyo minsi ibiri havubutse muri njye izindi mbaraga nshya. Urukundo rwari hagati yacu rwabaye magirirane. Yampaye igihe cye n'urukundo yari amfiteye. Ibyo byampaye imbaraga zo kubimaha nanjye. Ubwo twasezeranagaho, twese twari twasazwe n'ibyishimo ntari mperutse kugira. Byampaye kumva icyo Yezu yashakaga kuvuga mu itegeko rye rishya: „Nimukundane!“ – „Love one another!“

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker